Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere N°35, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya kabiri Ukuboza (11- 20), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 22 Ukuboza 2020

Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Ukuboza 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo, nubwo imvura yagabanutse mu bice byinshi by'igihugu. Imvura iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu ariko hari n'ahapimwe imvura iri mukigereranyo cy'imvura isanzwe igwa. Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Karongi na Rusizi ku bupimiro bwa Rubengera ahapimwe milimetero 99 mu minsi itanu no ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege cya Kamembe hapimwe milimetero 93.7 mu minsi itanu naho mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 85.8 mu minsi itanu. Imvura nke iri munsi ya milimetero 10 yapimwe mu ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare ahapimwe milimetero 4.9. Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya kabiri cy'Ukuboza, aho igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 20.5 ku bupimiro bwa Busogo mu karere ka Musanze ndetse na dogere Selisiyusi 29.3 mu karere ka Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 10.9°C mu karere ka Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 19.0°C ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2020. Muri iki gice imvura yapimwe yari iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu nubwo hanwe na hamwe mu gihugu hapimwe imvura iruta isanzwe ihagwa. Imvura yaguye yari ihagije kubihingwa.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo 2020

1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza. Ubusanzwe iki gice kigusha imvura iri hagati ya milimetero 16.1 na milimetero 47.5; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, muri iyi minsi icumi imvura yabaye nke mu bice byinshi by'igihugu cyane cyane mu Ntara y'Amajyaruguru no mu Ntara y'Iburasirazuba.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi k' Ukuboza

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi k'Ukuboza 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'iminsi ibiri n'iminsi itanu (2-5) uretse ku bupimiro bwa Nyagatare imvura yaguye mu munsi umwe (1) gusa.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2020 bwari mu kigereranyo gisanzwe bitewe n'ibihe by'imvura ndetse n'ibicu byiganje byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzagabanuka bitewe n'imvura izagabanuka mu gice cya gatatu cy'Ukuboza 2020 kuko turimo tugana ku gucika kw'imvura.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire, mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi.

Mu Ntara y'Amajyaruguru, y'Iburengerazuba akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 20.5 na 27.0 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 29.3



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 10.9^0C (Busogo) na dogere Selisiyusi 19.0^0C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukuboza (tariki 21-31) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya gatatu cy'ukwezi k'Ukuboza 2020 (hagati y'itariki ya 21 n'iya 31) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 na 69. Umubare w'iminsi imvura izagwamo uzagabanuka ugereranyije n'ibihe tuvuyemo kuko izaba iri hagati y'umunsi umwe (1) n'iminsi ibiri (2). Iyo minsi izaboneka mu mpera hagati y'itariki ya 27 na 28 Ukuboza 2020. Ibi bikaba bigaragaza ko tugeze mu gihe cy'icika ry'imvura mu bice byinshi mu gihugu cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba no mu Ntara y'Amajyepfo. Imvura izagwa mu gihugu mu buryo bukurikira:

Intara y'Iburasirazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 na 45. Mu gice kinini cy'Akarere ka Kayonza, amajyepfo y'uburasirazuba bw'Akarere ka Gatsibo, igice cyo hagati mu karere ka Nyagatare ndetse n'agace gato k'uburasirazuba bwa Kirehe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 na 15. Igice kinini cy'Akarere ka Kirehe, Ngoma, Bugesera, Gatsibo, Nyagatare na Rwamagana hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30. Mu majyepfo ya Kirehe, Ngoma na Bugesera hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45.

Umujyi wa Kigali: Mu majyaruguru y'akarere ka Gasabo n'agace gato k'amajyaruguru y'akarere ka Nyarugenge hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45 mu gihe mu majyepfo ya Nyarugenge, Gasabo ndetse n'akarere ka Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero15 na 30.

Intara y'Amajyepfo: Igice kinini cy'akarere ka Kamonyi, iburasirazuba bwa Ruhango na

Nyanza hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30. Mu gice kinini cy'Akarere ka Gisagara, Huye, Ruhango, Nyanza, Muhanga no mu burasirazuba bwa Nyamagabe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Mu burasirazuba bwa Nyaruguru, igice kinini cya Nyamagabe ndetse no mu burengerazuba bwa Huye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 mu gihe mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru na Nyamagabe muri Pariki ya Nyungwe no mu nkengero zayo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 69.

Intara y'Iburengerazuba: Iburasirazuba bw'akarere ka Nyabihu hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero15 na 30. Mu Karere ka Ngororero, igice kinini cya Nyabihu, Iburasirazuba bwa Karongi, Rutsiro n'agace gato k'amajyepfo ya Rubavu hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Mu burengerazuba bwa Karongi, Rutsiro, Rubavu ndetse n'uburengerazuba bw'akarere ka Nyamasheke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 naho mu turere twa Rusizi na Nyamasheke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 69.

Intara y'Amajyaruguru: Mu Karere ka Musanze igice cya Pariki y'Ibirunga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60. Igice kinini cy'akarere ka Musanze, Rulindo, Gakenke; igice cy'amajyepfo ya Gicumbi ndetse n'amajyaruguru ya Burera hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Amajyaruguru y'akarere ka Gicumbi na Gakenke ndetse n'amajyepfo ya Musanze na Burera hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya gatatu cy'Ukuboza 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwitegura neza imirimo y'isarura n'ihunika kuko muri iki gice cya gatatu cy'Ukuboza ibihingwa byinshi bimaze kwera byegereje isarurwa. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.